REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA MU RUBANZA RP00291/2019/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

-----------------------------------------------------------

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri ,umunsi wa 15 w'ukwezi kwa Mutarama;
Twebwe RUBAYIZA FIKIRINI Michel ,Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye,dufatanije na NYIRATABARO Jacqueline , Umwanditsi muri urwo Rukiko;
Tumaze kubona urubanza RP 00291/2019/TGI/HYE,Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo MUNYESHYAKA KINUMA Alon icyaha cyo Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato **,ruzaburanishwa ku wa 18/03/2020;**
Tumaze kubona ko MUNYESHYAKA KINUMA Alon mwene SEBAGRNZI na DUSABEMARIYA Vestine , , avukira mu Mudugudu wa Murambi Akagari ka Cyiri Umurenge wa Gikonko , Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo akaba ari naho yabarizwaga; ubu akaba atagira aho abarizwa hazwi kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera nkuko byemejwe n'Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za 160-161 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;
Dutegetse MUNYESHYAKA KINUMA Alon kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 18/ 03/ 2020 saa mbiri za mugitondo ku cyicaro cyarwo i Ngoma ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;
Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru « IMVAHO NSHYA » mu minsi 8.
Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku rukiko rwisumbuye rwa Huye .
Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| Umucamanza | Umwanditsi |
| --- | --- |
| RUBAYIZA FIKIRINI Michel | NYIRATABARO Jacqueline |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE